/B.E./M.D./

Raporo y'itegura ry'Umwaka w'Urubyiruko
muli Prefegitura ya KIBUYE.

I. KIVUMU

Komini KIVUMU ifite amashyirahamwe umunani (8) muli yo, ayiyandikishije mw'irushanwa ry'Umwaka w'Urubyiruko ni atanu (5) aliyo: AJM, AJCR, JACF, Tuilerie de JANGO, Intiganda. Gusoma no kwandika byitaweho cyane muli iyo Komini.

II. RUTSIRO.

Komini RUTSIRO ifite amashyirahamwe icumi (10) muliyo atandatu (6) niyo yiyandikishije mu irushanwa ly'Umwaka w'Urubyiruko ayo ni:

- Artisanat des jeunes y'i MURUNDA
- Abashyirahamwe
- Dufatanye
- UGA y'i MURUNDA
- NZIRA y'amajyambere

Kubyerekeye gusoma no kwandika, buli segiteri ifite ikigo kibyigisha.

III. BWAKIRA

Ifite amashyirahamwe abili gusa kandi yose niko azajya mu irushanwa. Gusoma no kwandika bikorwa cyane n'ibigo by'abagiraneza, C.C.D.F.P. na C.S.D.

IV. GISHYITA

Iyo Komini ifite amashyirahamwe alindwi (7) amwe muli yo akaba aliyo azajya mu irushanwa ayo ni: - Abadacogora, Imvugururamuco, Intiganda, Isoko y'amajyambere. Kubyerekeye gusoma no kwandika byifashe neza kuko nko muli buli segiteli hali ibigo bibili cyangwa bitatu ibyo bakabikesha abagiraneza bo mu bigo by'amadini.

V. RWAMATAMU

Ifite amashyirahamwe atandatu (6), atanu niyo azajya mu irushanwa aliyo: Telimbere, Injyamugambi, indashyikirwa, Dufatanye B, Ishyirahamwe lya NYARUGINA. Gusoma no kwandika: hali ibigo 28 byigisha gusoma no kwandika abasore n'inkumi bigamo ni 565 kuli 799 biga muli byo bigo.

VI. MABANZA

Ifite amashyirahamwe atatu niyo azajya mu irushanwa(muli raporo ntabwo bavuze aya mashyirahamwe ayo aliyo). Gusoma no kwandika bikorwa mu nzego eshatu:

- mu bigo bitsura amajyambere, mu bigo by'amadini hamwe n'ababikorera mu muganda.

.../...

## VII. GISOVU

Amashyirahamwe y'urubyiruko ni abili (2) kandi yose azajya mw'irushanwa.
Muli iyo Komini hali ibigo 54 byigisha gusoma no kwandika, amasomo atangwa kubulyo bw'umuganda.
Uyu mwaka ushize, abahawe ibyemezo ni 67 ku munsi wa kurwanya ubujiji.

## VIII. GITESI

Ku byerekeye amashyirahamwe y'urubyiruko, muli raporo ntacyo babivuzeho kubera ko encadreur akili mushya.

## IX. MWENDO

Komini MWENDO ifite amashyirahamwe alindwi (7) aliko yose aravangavanze abakuru n'abato kandi amenshi yatangiye hagati [illegible] ya 1974 - 1982 none bose bamaze kuba bakuru yose yiganje mu buhinzi bwa kawa no kubumba amategura. Umwaka w'urubyiruko ntacyo encadreur yabivuzeho. Gusoma no kwandika nabyo byitaweho bafite ibigo 30.

## UMWANZURO

Nkuko encadreur wa Prefegitura abivuga, iyi raporo ntabwo yuzuye koko, ingingo zimwe na zimwe zirabura, izindi ntizisobanuye neza.
B'encadreurs ntibashoboye gukulikiza urugero bahawe kugirango raporo ibe isobanuye bihagije.
Encadreur wa Komini MWENDO we yatinze kohereza raporo ye kuli Prefegitura bituma encadreur wa Prefegitura amusaba kuyiyohereza Ministri.

Fait à Kigali, le 18/1/1985
Par BAKILIHO Euphrasie.

Bakiliho

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE KIBUYE
ENCADREMENT PREFECTORAL
DE LA JEUNESSE ET DES
COOPERATIVES.

Kibuye le 24/12/1984
N° 0 89/15/04/KBY/84

A traiter par ~~DGSL~~ DGJ (Bivenc)
Date entrée : 4/01/85
N° Classement : 0103/15.04

8/1/85

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko no gutsura za Koperative
KIGALI.

IMPAMVU :
Raporo y'itegurwa ly'Umwaka w'Urubyiruko ( 1985).

Binyujijwe kuli Bwana Prefe wa Prefegitura KIBUYE.

REPUBLIQUE RWANDAISE PREFECTURE DE KIBUYE

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Hamwe n'iyi barwa mbohererereje raporo yerekeye itegurwa ~~ly'~~umwaka w'Urubyiruko muli Prefegitura ya KIBUYE nkuko intumwa za Ministeri zabi nsabye ubwo twagiranaga inama nazo taliki ya 12 Ugushyingo 1984 bitewe n'uko abenshi mubayobozi b'Urubyiruko n'imikino muma maKomini batali bayijemo.

Mbifulije kuyakira neza

Encadreur Preféctoral de la Jeunesse
et des Coopératives

NGWIJE Evariste

REPUBLIQUE RWANDAISE PREFECTURE DE KIBUYE ENCADREMENT REGIONAL MINISTERE DE LA JEUNESSE

P.O. Encadreur Préfectoral Adjoint
KALISA Hussein

Raporo y'itegura ry'umwaka w'urubyiruko mu maKomini
ya Prefegitura KIBUYE

I. KIVUMU:

1. Amashyirahamwe: Hali amashyirahamwe 8 aliyo: AJM - AJCR - JACF - Tuilerie de Jango + INTIGANDA - KOPAKI - ABATEGANYA - COOPAJEKI.
Ayiyandikishije mw'irushanwa ry'umwaka w'urubyiruko n'aya: AJM, AJCR, JACF, TUILERIE de Jango n'Intiganda.

2. Itorero rya Komini ligizwe n'umutwe umwe w'ababyinnyi.
3. Imikino ngorora - ngingo (Athlétisme) yarakozwe. Uno mwaka na none batangiye gukoresha iyo mikino mu masegiteri kugirango bitegure umwaka utaha.
4. Kwigisha gusoma no kwandika nabyo byaratangiye hafi muli buli segiteri

II. RUTSIRO/

Muli Rutsiro hali amashyirahamwe 10

1. Umunani (8) n'ay'ubuhinzi 2 nayo akora imilimo y'ubukolikoli.
Ayiyandikishije mw'irushanwa n'aya akulikira:
1° Artisanat des Jeunes y'i Murunda ikora ibintu by'ubukolikoli mu birere.
2° Urumuli rw'abato: rukora imilimo y'ubukolikoli
3° Abashyirahamwe: bitaye k'ubuhinzi bwa kawa (Caféiers)
4° Dufatanye: ihinga ibirayi n'imboga.
5° UGA y'i Murunda: babumba amategura bagahinga n'imboga.
6° Nzirayamajyambere: ibumba amatafali n'amategura

2. Itorero rya Komini lirahali ligizwe n'intore, ababyinnyi hamwe n'abakaraza aliko ntamyambaro bafite yo guserukana. Hali kandi n'itorero ry'urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa bakora Animation.

3. Amarushanwa ngorora-mubili: Ubu mu ma segiteri hafi yayose batangiye imyitozo hasigaye kurobanura.

4. Gusoma no kwandika: Buli segiteri ifite ikigo kigisha gusoma no kwandika kandi urubyiruko rwarabyitabiliye. Ibyo bigo n'ibya madini halimo kandi n'ibya Komini usibye ko ntabikoresho bihagije.

......../......

III. <u>Bwakira</u>:

1. Amashyirahamwe ali muli iyo Komini ni2 Kandi yose azajya mw'irushanwa.

1° Coopérative apicole de Cyanyanza

2° Abadacogora nayo y'i Cyanyanza

( Ntabindi bisobanuro Encadreur yatanze)

2. Itorero rya Komini naryo yavuze ko lihali aliko ntabwo yavuze imitwe iligize usibye ko we yiyandikiye ko halimo ababyinnyi 42 n'abahimbyi 2. Avuga ko ligizwe n'abasore 18, abakobwa 11, n'abagabo 13.

3. Ibyerekeye imikino ngorora mubili ntacyo yabivuze ho

4. Gusoma no kwandika nabyo birakorwa neza kuko muli buli segiteri hali ibigo byigisha gusoma no kwandika, babifashwamo cyane cyane n'imilyango y'abagiraneza hamwe na CCDFP. na CSD kuko bigisha bamwe mu bakangura mbaga nabo bakigisha abandi igihe cy'umuganda.

IV. <u>Gishyita</u>:

1. Amashyirahamwe y'urubyiruko ali muli iyo Komini ni 7. Azajya mw' irushamwa ni 4. Abadacogora - Imvugururamuco - Intiganda - hamwe n'Isoko y' amajyambere.

2. Itorero rya Komini ligizwe n'imitwe 2 ababyinnyi n'intore.

3. Imikino ngorora-ngingo (Athlétisme)usibye amarushanwa yabaye mu kwa 8 na mbere bitegura kurushanwa n'andi maKomini ubu batangiye kwitoza kugirango bategure umwaka w'urubyiruko.

4. Kubyerekeye gusoma no kwandika byifashe neza kuko muli buli segiteri hali ibigo bibili cyangwa bitatu byigisha gusoma no kwandika ibyo bakabikesha abagiraneza b'amadini. Hali n'aho bigera kuli 4 kandi nta segiteri nimwe idafite bene ibyo bigo.

V. <u>Rwamatamu</u>:Amashyirahamwe y'urubyiruko ahali ni6. Azajya mw'irushanwa na 5 aliyo: TERIMBERE, INJYAMUGAMBI, INDASHYIKIRWA, DUFATANYE B? n'ishyirahamwe rya Nyarugina.

2. Itorero rya Komini ligizwe n'abantu 65 balimo abasore, inkumi n'abagabo kandi imitwe yaryo ni 2 ; ababyinnyi n'intore.

3. Imikino ngorora-mubili yatangiye gukoresha entrainements mu masegiteri yose hamwe na za CERAI no kumashuli abanza. hazabaho itoranywa mu kwezi kwa mbere. kwi kipi izahagaralira Komini.

4. Gusoma no kwandika: Hali ibigo 28 byigisha gusoma no kwandika. Higamo abasore n' inkumi 565 kuli 799 biga muli ibyo bigo.

VI. <u>Mabanza</u>:

1. Amashyirahamwe y'urubyiruko ali muli Komini Mabanza ni 7 azajya mw'irushanwa ni 3

2. Itorero rya Komini lifite imitwe ibili. Ababyinnyi n'abakaraza. Umutwe w'intore nawo waratangiye.

3. Imikino ngorora'ngingo: Amarushanwa yarakozwe, bakomeje no kwitoza kuzahimbaza umwaka w'urubyiruko.

4. Gusóma no kwandika bikorwa munzego eshatu: mu bigo bitsura amajyambere, mu bigo by'amadini hamwe n'ababikora k'umuganda. Muli uno mwaka ababonye ibyemezo byo gusoma no kwandika k'umunsi wo kurwanya ubujiji wabaye taliki ya 29/10/1984 ni 79 mu 967 biga mu mpande zose za Komini.

...../.....

VII. Gisovu:

1. Amashyirahamwe y'urubyiruko ni 2 kandi yose azajya mwirushanwa.

2. Itorero rya Komini ligizwe n'imitwe 2 ababyinnyi n'intore.

3. Imikino ngorora - mubili ntayigeze ikorwa kubera amikoro make ya Komini itarashoboye kugeza abakinnyi bayo kuli Prefegitura mu kwezi kwa 8 aliko irushanwa mu rwego rwa Komini lizakorwa kuli 23 /12/1984.

4. Gusoma no kwandika muli Komini yose hali ibigo byigisha gusoma no kwahdika 54 . Amasoma atangwa kuburyo bw'umuganda. Uno mwaka abahawe ibyemezo ni 67 kumunsi wo kurwanya ubujiji.

VIII. Gitesi:

1. Amashyirahamwe y'urubyiruko ; Encadreur ni,mushya ntabwo ayazi. Aliko na musabye kugenderera Komini yose kugirango azangezeho raporo irambuye kuko hashize igihe kirekire nta Encadreur Komini ifite bityo bigatuma tubura raporo dushobora kwifashisha n'ukuvuga ko ahali azamenyekana nyuma.

2. Itorero rya Komini lirakennye kuko ligizwe n'umutwe umwe w'ababyinnyi. Aliko baratseganya kuryongera.

3. Imikino ngorora - ngingo yarakozwe bahereye muli segiteri muli Komini kuko habonetse abayihagaraliya kuli Prefegitura ndetse no ku rwego ry'igihugu mu'irushanwa ryabereye i Kigali muli uno mwaka.

4. Gusoma no kwandika nabwo byitaweho.

Aliko yongeyeho ko adashobora kumenya umubare w'ibigo byigisha gusoma no kwandika hamwe n'uw'ababyigamo kubera ko yatangiye vuba (1.11.1984) yavuze ko azabitugezaho namara kubibarura.

IX. Mwendo: Kugeza ubu nkora ino rapport ntabwo nali nabona raporo ye. Ahubwo niwe wankereje kuko uwanyuma raporo ye nayibonye taliki ya 14/12/1984. Twabandikiye akageze kuli gatatu kose ntagisubizo tubona kandi no mu manama twali twagiranye taliki ya 15/11/1984 twali twabasabye ko batagomba kurenza taliki ya 25/11/1984 batali batugezaho raporo yabo. Kubera ko ntagomba gukomeza gutegereza nongeye kumwandikira mu menyesha ko agomba kuzohereza raporo ye Ministri hanyuma twe akaduha kopi.

Umwanzuro:

Nkuko mubibona muli ino raporo ingingo zimwe na zimwe zirabura, mbese ugasanga zidasobanuye neza; Nagerageje kwandukura nkuko babinyohereje nabona ntabibona neza karebera no muli raporo zabo zibihe byashize.

Twagerageje kubohereza urugero bazakulikiza kugirango badusubize kandi tubone ibisobanuro bihagije aliko ntibashoboye kubyubahiliza bose. Bamwe urasoma ukumva raporo yabo ifite ikisobanuye abandi ugasanga iby'umubaza ntanakimwe cyanditse kuko ubishaka mbese ntabisobanuro yakwihereye.

Kibuye, le 21/12/1984

Encadreur Préfectoral Adjoint

KALISA Hussein

**REPUBLIQUE RWANDAISE**

Mwendo, le 24 Décembre 1984

N° 22/15.07

Préfecture de Kibuye
**Commune Mwendo**

Réf. n° :

Annexe :

Objet : Gutegura Umwaka w'Urubyiruko 1985.-

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
KIGALI.-

Binyujijwe kuli Bwana Bourgmestre wa Komini
MWENDO

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Nkulikije ibaruwa ya Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura ya Kibuye N°087 yo kuwa 21/I2/1984, isobanura inama twagiranye taliki ya 15 Ugushyingo 1984 n'ibaruwa N°069/15.04/KBY/84, hamwe n'inama intumwa za Mi Ministère mushinzwe kuyobora zakoreye muli Prefegitura ya Kibuye taliki ya 12/11/84.

Nyakubahwa Bwana Ministri, ibikorwa bitegura umwaka w'Urubyiruko 1985 byometse kuli iyi baruwa. Ibyerekeye kuba bitoherejwe kugihe Umuyobozi w'Urubyiruko yabimbalije, byatewe n'uko nafashe hafi ukwezi nsobanura iyo Programu muli za Secteurs uko ali 11 za Komini nkoramo ya Mwendo.

Kuba ntagiye munama yo kuwa 12/11/1984, ntabwo namenye ko nagombaga kuyijyamo kubera ko iyo bahitishije itangaza kuli Radio banatwoherereza n'inzandiko nkuko bali barabitumenyereje, bo rero batumenyeshejwe munzandiko batwoherereje zatumenyeshaga inama twagiranye taliki ya 15 Ugushyingo 1984. Ikibigaragaza neza n'inyandiko-mvugo mwohererejwe, iherekejwe n'ibaruwa N°078/15.04/KBY/84, yo kuwa 04/12/1984, ikaba yarangezeho kuwa 21/12/1984.

Mbifulije kubyakira neza Nyakubahwa Bwana Ministri.

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Komini Mwendo
MUNYABUGINGO Robert.-

Bimenyeshejwe:
-Bwana Prefe wa Prefegitura
KIBUYE.-
-Bwana Encadreur Régional
KIBUYE.-

REPUBLIQUE RWANDAISE

Préfecture de Kibuye
**Commune Mwendo**

Réf. n° :
Annexe :
Objet :

Mwendo, le ....................

N° ....................

IYOMEKWA RY'IBARUWA N°022/15.07 YO KUWA 24/12/1984

1/ Ama5hyirahamwe y'urubyiruko dufite muli Komini Mwendo ni 7. aliko yose aravangavanze abakuru n'abato, kandi amenshi yatangiye hagati ya 1974-1982, none bose bamaze kuba bakuru. Yiganje mu buhinzi bwa kawa, kubumba amategura. Abasore batinya gutangira kubera ubuke bw'imilima, gucuruza babura intangiliro.

2/ Dufite itorero rya Komini lizabona imbyino n'imilishyo y'ingoma Abakaraza babana bimenyereza buli wa gatandatu.
Imbyino: Abasore n'abakobwa bimenyereza kuwa gatanu.

3/ Umupira w'amaguru mu mpera za Mutarama 1985, nzaba maze kurobanura Equipe y'Abasore muli Komini izahura n'ayandi makipi y'amakomini ya Prefegitura muli uyu mwaka w'Urubyiruko.
Bazava mu ikipi ya buli segiteri, kuko twatangiye irushanwa ry' Amasegiteri mu kwezi kwa Nyakanga 1984 n'ubu bigikomeza.

4/ Athlétisme: mfite programu yo guhuza za segiteri limwe mu mezi abili ubu nzayikoresha kuli 31 Mutarama 1984, bityo ntabwo bizandushya mukubona abazaserukira Komini mu marushanwa yo muli uyu mwaka w'Urubyiruko.

5/ Isiganwa ry'abaturage nzabikoresha mu rwego rwa Segiteri, babili ba mbere muli buli mukino nibo bazasiganwa ku munsi w'urubyiruko.

6/ Gusoma no kwandika, mfatanije n'abakuru b'Amadini n'abakora mu Bigo Bitsura Amajyambere muli Komini, ubu tumaze kugira ibigo 30 muli Komini Mwendo nkoramo byigisha gusoma no kwandika.
Abigamo higanjemo Urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa, abandi bake bake n'abagore n'abagabo.

Bikorewe i Mwendo, kuwa 24 Ukuboza 1984

Encadreur w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative muli Komini Mwendo
MUNYABUGINGO Robert.

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE KIBUYE
SERVICE DE L'ENCADREMENT
PREFECTORAL DE LA JEUNESSE
ET DES COOPERATIVES.

Kibuye le 21/12/1984
N°...087.../15/04/KBY/84

A traiter par ....DGJ....
Date entrée : 4/01/85
N° Classement : 0104/1.5.04

Bwana Encadreur w'Urubyiruko
wa Komini
MWENDO.

Binyujijwe kuli Bwana Burgmestri
wa Komini
MWENDO.

Bwana Encadreur,

Nkulikije inama twagiranye taliki ya 15 Ugushyingo n'ibaruwa N° 069/15/04/KBY/84 yo kuwa 28 Ugushyingo nagusabaga kohereza vuba bidatinze raporo y'ibyo umaze kugeraho utegura umwaka w'Urubyiruko kugirango natwe tuyohereze Ministri nkuko intumwa za Ministeri zabidusabye mu nama twagiranye taliki ya 12 Ugushyingo 1984 kandi ukaba utali uyilimo.

Ndakumenyesha ko kugeza ubu ali wowe wenyine utarayohereje. Nkaba ngusaba gusobanura igituma wayitindanye kandi usabwe ku zayohereza Ministri w'Urubyiruko no gutsura za Koperative maze twe ukaduha kopi bitewe nuko twebwe twamaze kohereza izindi zose zatugezeho.

Encadreur Préfectoral de la
Jeunesse et des Coopératives
NGWIJE Evariste

P.O Encadreur Préfectoral Adjoint
KALISA Hussein

BIMENYESHEJWE.
-Bwana Ministri w'Urubyiruko no gutsura za Koperative
-Bwana Prefe wa Prefegitura KIBUYE.